Umunsi mwiza izuba ryarasheho ni umunsi wa gatanu (Idjuma)

Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umunsi mwiza izuba ryarasheho ni umunsi wa gatanu (Idjuma), kuri wo niho Adamu yaremwe, ni nawo yinjijwe mu ijuru, ni nawo yarisohowemo, kandi imperuka ntizaba uretse ko bizaba ari ku munsi wa gatanu (wa Idjuma)."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umunsi mwiza izuba ryarasheho ari umunsi wa gatanu (Idjuma). No mu mwihariko wawo nuko ari nawo Allah yaremyeho Adamu (Amahoro ya Allah amubeho), ndetse ni nawo yarimusohoyemo amuzana ku isi, kandi imperuka ntizaba usibye ko bizaba ari ku munsi wa gatanu (wa Idjuma)!

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3711